Nul ne peut être condamné pour une action ou omission qui, au moment où elle a été commise, ne constituait pas une infraction d'après le droit national ou international.

Il n'est infligé aucune peine plus forte que celle qui était applicable au moment où l'infraction a été commise.

Nulle infraction ne peut être punie d'une peine qui n'était pas prévue par la loi publiée avant qu'elle ne soit commise.

**Ingingo ya 4: Ikoreshwa ry'amategeko ahana**

Amategeko ahana agomba gufatwa uko ateye, ntashobora gukoreshwa ku buryo butandukira.

Inkiko zibujijwe guca imanza ku buryo bugenekereje.

**Ingingo ya 5: Itegeko rikoreshwa igihe hari amategeko menshi ahana icyaha kimwe**

Iyo hari amategeko menshi ahana icyaha kimwe, itegeko ryihariye ni ryo rikoreshwa mu mwanya w'itegeko rusange, keretse iyo hari itegeko ribiteganya ukundi.

**Ingingo ya 6: Itegeko rikurikizwa igihe hari impurirane y'amategeko ahana**

Mu gihe hari amategeko ahana, rimwe ryariho mu gihe icyaha cyakorwaga, irindi ryaratangajwe nyuma y'uko icyaha gikorwa, ariko urubanza rutaracibwa burundu, itegeko rishya ni ryo rikurikizwa iyo riteganya igihano cyoroheje.

**Article 4: Interpretation of criminal laws**

Criminal laws cannot be interpreted broadly, they must be construed strictly.

Courts are prohibited to make judgement by analogy.

**Article 5: Law applied in case of several laws applicable to the same offence**

When several laws punish the same offence, the specific law takes precedence over the general law, unless the law provides otherwise.

**Article 6: Law applied in case of conflict of criminal laws**

In case of conflict of criminal laws including a former law which was in force when the offence was committed, and another law which was published after the commission of the offence and before a final judgement has been rendered, the new law is the only one to be applied if it imposes a less severe penalty.

**Article 4: Interprétation des lois pénales**

Les lois pénales ne peuvent être interprétées extensivement, elles doivent être interprétées restrictivement.

Il est interdit aux juridictions de rendre des jugements par analogie.

**Article 5: Loi applicable lorsqu'il y a plusieurs lois punissant la même infraction**

Lorsque plusieurs lois punissent la même infraction, la loi spéciale déroge à la loi générale, sauf si la loi en dispose autrement.

**Article 6: Loi applicable en cas de concours de lois pénales**

En cas de concours de lois pénales, l'une ancienne sous l'empire de laquelle l'infraction a été commise et l'autre publiée après la commission de l'infraction mais avant qu'un jugement définitif ait été rendu, la loi nouvelle est seule à appliquer si elle prévoit une peine moins sévère.

**Ingingo ya 7: Kudahanirwa icyaha kimwe inshuro irenze imwe**

Nta muntu ushobora guhanwa inshuro zirenze imwe ku cyaha kimwe nyir'izina yakoze.

**Ingingo ya 8: Igihe itegeko rireka gukurikizwa**

Itegeko rireka gukurikizwa ku cyaha cyakozwe rikiriho iyo ryavuyeho urubanza kuri icyo cyaha rutaracibwa burundu, keretse iyo itegeko rishya ribiteganya ukundi.

**Ingingo ya 9 : Icyaha gikorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda**

Icyaha cyitwa ko cyakorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, iyo nibura kimwe mu bikorwa bihamya imwe mu ngingo z'ishingiro z'icyo cyaha, ari zo kuba cyagambiriwe, cyashyizwe mu bikorwa kandi gihanwa n'amategeko, cyakorewe mu Rwanda.

Icyaha cyitwa kandi ko cyakorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, iyo cyakozwe n'Umunyarwanda cyangwa cyakorewe Umunyarwanda, gikorewe ahantu hatagira igihugu kihategeka cyangwa gikozwe n'umuntu wese uri mu bwato bw'u Rwanda kandi buri mu mazi atagira

**Article 7: Prohibition of double jeopardy**

No person may be punished for the same offence for more than once.

**Article 8: Cessation of applicability of a law**

A law ceases to apply to an offence committed when the law was still in force when it is repealed before the final judgment in relation to such an offence, unless the new law provides otherwise.

**Article 9: Offence committed on the territory of Rwanda**

An offence is considered to have been committed on the territory of Rwanda if at least one of the acts constituting one of its elements, namely *mens rea*, *actus reus* and its being punishable by law, was accomplished in Rwanda.

An offence is also considered to have been committed on the territory of Rwanda if it is committed by or against a Rwandan citizen in an area that is not subject to the sovereignty of any State or committed by any person on board a vessel flying the flag of Rwanda and in waters which are not

**Article 7: Interdiction de la double incrimination**

Nul ne peut être puni plus d'une fois du chef de la même infraction qu'il a commise.

**Article 8: Cessation d'applicabilité d'une loi**

Une loi cesse d'être applicable à une infraction commise lorsqu'elle était en vigueur, si elle est abrogée avant qu'il y ait un jugement définitif sur cette infraction, à moins que la loi nouvelle n'en dispose autrement.

**Article 9: Infraction commise sur le territoire du Rwanda**

Une infraction est réputée commise sur le territoire du Rwanda lorsqu'au moins l'un des actes caractérisant un de ses éléments constitutifs qui sont l'élément moral, l'élément matériel et l'élément légal, a été accompli au Rwanda.

Une infraction est également réputée commise sur le territoire du Rwanda lorsqu'elle est perpétrée par ou contre un citoyen rwandais dans un lieu non soumis à la souveraineté d'un État, ou commise par toute personne soit à bord d'un bateau battant pavillon rwandais et se trouvant

igihugu kiyategeka cyangwa uri mu ndege ifite icyapa cy'u Rwanda iyo iri mu ifasi itagira igihugu kiyitegeka.

subject to the sovereignty of any State or on board a Rwanda- registered aircraft in the territory that is not subject to the sovereignty of any State.

dans des eaux non soumises à la souveraineté d'un État, soit à bord d'un aéronef immatriculé au Rwanda si ce dernier se trouve sur un territoire non soumis à la souveraineté d'un État.

**Ingingo ya 10: Itegeko rikurikizwa mu guhana icyaha gikorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda**

Icyaha cyose gikorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, cyaba gikozwe n'Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, gihanishwa itegeko ry'u Rwanda.

Icyakora, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku bafite ubudahangarwa burengerwa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu cyangwa umuco amahanga yose ahuriyeho.

**Article 10: Applicable law to punish an offence committed on the territory of Rwanda**

Any offence committed on the Rwandan territory, either by a Rwandan or a foreign citizen, is punished according to the Rwandan law.

However, the provisions of Paragraph One of this Article do not apply to people entitled to diplomatic immunity guaranteed by international conventions ratified by Rwanda or by international customs or practices.

**Article 10: Loi applicable pour la répression d'une infraction commise sur le territoire du Rwanda**

Toute infraction commise sur le territoire du Rwanda soit par un citoyen rwandais ou étranger, est sanctionnée par la loi rwandaise.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne sont pas applicables en cas de personnes jouissant de l'immunité diplomatique garantie par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ou les coutumes ou usages internationaux.

**Ingingo ya 11: Ihanwa ry'Umunyarwanda wakoreye icyaha hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda**

Umunyarwanda wakoreye icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda ashobora guhanwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda mu gihe icyo cyaha gihanwa n'amategeko y'u Rwanda.

**Article 11: Punishment of a Rwandan citizen having committed an offence outside the territory of Rwanda**

A Rwandan citizen who commits a felony or a misdemeanour outside the territory of Rwanda may be punished in accordance with the Rwandan law as if the offence was committed in Rwanda, provided that such an offence is punishable by the Rwandan law.

**Article 11: Répression d'un citoyen rwandais ayant commis une infraction hors du territoire du Rwanda**

Un citoyen rwandais qui a commis un crime ou un délit hors du territoire du Rwanda peut être puni selon les dispositions de la loi rwandaise comme si l'infraction était commise au Rwanda lorsque celle-ci est punie par la loi rwandaise.

**Ingingo ya 12: Ihanwa ry'icyaha kibangamira inyungu z'u Rwanda gikorewe hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda**

Umunyarwanda wese cyangwa umunyamahanga wese wakoreye hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye kibangamiye inyungu z'u Rwanda cyangwa umunyarwanda, ashobora gukurikiranwa no gucirwa urubanza hakurikije itegeko ry'u Rwanda nkaho icyaha cyaba cyarakorewe mu Rwanda.

**Ingingo ya 13: Ihanwa ry'icyitso ku cyaha cyakorewe mu mahanga**

Umuntu wese wabaye icyitso ku cyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye cyakorewe mu mahanga, uri ku ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda ashobora guhanwa n'inkiko z'u Rwanda, iyo icyo cyaha gihanwa n'itegeko ry'igihugu cyakorewemo n'itegeko ry'u Rwanda.

**Ingingo ya 14: Icyaha mpuzamahanga n'icyaha cyambuka imbibi**

Icyaha mpuzamahanga ni icyaha giteganywa gutyo n'Amategeko Mpuzamahanga.

**Article 12: Punishment of an offence committed outside the territory of Rwanda against the interest of Rwanda**

Any Rwandan or foreign citizen who commits a felony or a misdemeanour against the interests of Rwanda or against a Rwandan citizen outside the territory of Rwanda may be prosecuted and tried in accordance with the Rwandan law as if the offence had been committed in Rwanda.

**Article 13: Punishment of an accomplice to an offence committed abroad**

Any person on the territory of Rwanda who is an accomplice to a felony or misdemeanour committed abroad, may be punished by Rwandan courts if the offence is punishable under the law of the country where the offence was committed and by the Rwandan law.

**Article 14: International crime and transnational crime**

An international crime is a crime classified as such under international law.

**Article 12: Répression d'infraction commise en dehors du territoire du Rwanda contre les intérêts du Rwanda**

Tout citoyen rwandais ou étranger qui commet en dehors du territoire du Rwanda un crime ou un délit contre les intérêts du Rwanda ou d'un citoyen rwandais peut être poursuivi et jugé selon la loi du Rwanda comme si l'infraction avait été commise au Rwanda.

**Article 13: Répression d'un complice d'une infraction commise à l'étranger**

Toute personne complice d'un crime ou délit commis à l'étranger qui se trouve sur le territoire du Rwanda peut être punie par les juridictions rwandaises lorsque l'infraction est punissable par la loi du pays où elle a été commise et la loi rwandaise.

**Article 14: Crime à caractère international et crime à caractère transnational**

Un crime à caractère international est un crime qualifié comme tel par le droit international.

Ibyaha mpuzamahanga ni ibi bikurikira:

1º icyaha cya jenocide;

2º icyaha cyibasira inyokomuntu;

3º ibyaha by'intambara.

Icyaha cyambuka imbibi iyo kimwe mu bikorwa bikigize gikorewe hanze y'imipaka y'u Rwanda.

Umuntu wese, yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, imiryango ya Leta cyangwa itari iya Leta yo mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ukoreye ku ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda cyangwa mu mahanga icyaha mpuzamahanga cyangwa icyaha cyambuka imbibi ashobora, iyo afatiwe ku ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, guhanwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

**Ingingo ya 15: Isuzumwa ry'ubwenegihugu nyarwanda**

Umunyarwanda uvugwa mu ngingo ya 9, iya 10, iya 11, iya 12, iya 14, iya 191 n'iya 192 z'iri tegeko ni uwari ufite ubwenegihugu nyarwanda igihe icyaha cyakorwaga.

International crimes are the following:

1 º the crime of genocide;

2 º the crime against humanity;

3 º war crimes.

A transnational crime means a crime, one of whose constituent elements is accomplished outside Rwanda's borders.

Any person, whether a Rwandan or foreign citizen, a national or foreign non-governmental organization or association, that commits, inside or outside the territory of Rwanda, an international crime or transnational crime may, if apprehended on the territory of Rwanda, be punished in accordance with the Rwandan law.

**Article 15: Assessment of Rwandan nationality**

The Rwandan citizen referred to under Articles 9, 10, 11, 12, 14, 191 and 192 of this Law is the one who had a Rwandan nationality at the time of the commission of the offence.

Les crimes à caractère international sont les suivants :

1 º le crime de génocide;

2 º le crime contre l'humanité;

3 º les crimes de guerre.

Un crime à caractère transnational est une infraction dont l'un de ses éléments constitutifs est accompli au-delà des frontières du Rwanda.

Toute personne, qu'elle soit citoyen rwandais ou étranger, une organisation ou une association non gouvernementale nationale ou étrangère, qui commet sur le territoire du Rwanda ou étranger, un crime à caractère international ou transnational peut, si elle est arrêtée sur le territoire du Rwanda, être punie conformément à la loi rwandaise.

**Article 15: Appréciation de la nationalité rwandaise**

Le citoyen rwandais visé aux articles 9, 10, 11, 12, 14, 191 et 192 de la présente loi est celui qui avait la nationalité rwandaise au moment de la commission de l'infraction.

**UMUTWE WA II: IBYICIRO BY'IBYAHA**

**Ingingo ya 16: Ubusumbane bw'ibyaha**

Ibyaha bisumbana hakurikijwe uburemere bwabyo ku buryo bukurikira:

1º icyaha cy'ubugome;

2º icyaha gikomeye;

3º icyaha cyoroheje.

**Ingingo ya 17: Icyaha cy'ubugome**

Icyaha cy'ubugome ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) cyangwa igifungo cya burundu.

**Ingingo ya 18: Icyaha gikomeye**

Icyaha gikomeye ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

**Ingingo ya 19: Icyaha cyoroheje**

Icyaha cyoroheje ni icyaha itegeko rihanisha gusa igihano cy'iremezo cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu (6), icy'ihazabu cyangwa igihano cy'imirimo y'inyungu rusange.

**CHAPTER II: CATEGORIES OF OFFENCES**

**Article 16: Classification of offences**

Offences are classified according to their gravity as follows:

1º felony;

2º misdemeanour;

3º petty offence.

**Article 17: Felony**

A felony is an offence punishable under the law by a principal penalty of imprisonment for a term of more than five (5) years or by life imprisonment.

**Article 18: Misdemeanour**

A misdemeanour is an offence punishable under the law by a principal penalty of imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than five (5) years.

**Article 19: Petty offence**

A petty offence is an offence punishable under the law only by a principal penalty of imprisonment for a term of less than six (6) months, a fine or the penalty of community service.

**CHAPITRE II: CATÉGORIES D'INFRACTIONS**

**Article 16: Classification des infractions**

Les infractions sont classées selon leur gravité comme suit:

1° crime;

2° délit;

3° contravention.

**Article 17: Crime**

Un crime est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement supérieure à cinq (5) ans ou par l'emprisonnement à perpétuité.

**Article 18: Délit**

Un délit est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**Article 19: Contravention**

Une contravention est une infraction que la loi punit seulement à titre principal d'une peine d'emprisonnement inférieure à six (6) mois, d'une amende ou de la peine de travaux d'intérêt général.

## UMUTWE WA III: GUCURA UMUGAMBI WO GUKORA ICYAHA N'UBWINJIRACYAHA

### Icyiciro cya mbere: Gucura umugambi

#### Ingingo ya 20: Gucura umugambi wo gukora icyaha

Gucura umugambi wo gukora icyaha ni ubwumvikane hagati y'abantu babiri (2) cyangwa benshi bugamije gukora icyaha cyakorwa n'umwe cyangwa benshi muri bo.

Gucura umugambi wo gukora icyaha bihanishwa igihano giteganyirijwe icyaha cyacuriwe umugambi.

Umuntu wese uri mu mugambi wo gutegura, akabimenyesha ubutegetsi bw'igihugu, inzego z'ubutabera cyangwa iz'umutekano, ko hategurwa ibyaha, akabumenyesha n'amazina y'abagome n'ay'ibyitso byabo, asonerwa igihano giteganyirijwe icyaha cyo gucura umugambi mu gihe ibyo abikoze mbere y'uko icyaha gicurirwa umugambi gikorwa.

## CHAPTER III: CONSPIRACY AND ATTEMPT TO COMMIT AN OFFENCE

### Section One: Conspiracy

#### Article 20: Conspiracy to commit an offence

Conspiracy to commit an offence is an agreement between two (2) or more persons to engage in the commission of an offence by any one or more of them.

Conspiracy to commit an offence is punishable by the same penalty as the intended offence.

Any person involved in conspiracy but who reports it to administrative authorities, judicial or security organs and disclose to them the names of involved criminals and their accomplices is exempted from the penalty prescribed for conspiracy if he/she reports it before the commission of the offence in respect of which conspiracy takes place.

## CHAPITRE III: CONSPIRATION ET TENTATIVE D'INFRACTION

### Section première: Conspiration

#### Article 20: Conspiration de commettre une infraction

La conspiration de commettre une infraction consiste en une entente entre deux (2) ou plusieurs personnes en vue de la commission d'une infraction par l'une ou plusieurs d'entre elles.

La conspiration de commettre une infraction est punissable de la peine prévue pour l'infraction pour laquelle la conspiration a lieu.

Toute personne impliquée dans une conspiration et en fait dénonciation aux autorités administratives, aux organes judiciaires ou de sécurité et leur révèle les noms des criminels impliqués et leurs complices, est exemptée de la peine prévue pour conspiration si une telle dénonciation se fait avant que ne soit commise l'infraction pour laquelle la conspiration a lieu.

**Icyiciro cya 2: Ubwinjiracyaha**

**Ingingo ya 21: Ihanwa ry'ubwinjiracyaha**

Ubwinjiracyaha buhanirwa iyo umugambi wo gukora icyaha wagaragajwe n'igikorwa kimwe cyangwa byinshi biboneka, bidashidikanywa by'intangiriro y'icyaha biganisha ku ikorwa ryacyo, nyuma bigahagarikwa, bikabuzwa kugera ku cyifuzo cyangwa bikazitirwa n'impamvu zidakomoka ku bushake bwa nyir'ugukora icyaha.

Ubwinjiracyaha burahanirwa n'ubwo icyari kigambiriwe kitashoboraga kugerwaho bitewe n'impamvu nyir'ugukora icyaha atashoboye kumenya.

Ubwinjiracyaha bw'icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye buhanishwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'igihano giteganyirijwe icyo cyaha. Ku cyaha gihanishwa igifungo cya burundu, ubwinjiracyaha buhanishwa igihano cy'igifungo kingana n'imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Ubwinjiracyaha bw'icyaha cyoroheje ntibuhanirwa.

**Section 2: Attempt to commit an offense**

**Article 21: Punishment of attempt to commit an offence**

An attempt is punishable when the intention to commit the offence has been demonstrated by one or more observable and unequivocal acts which constitute the beginning of the commission of the offence and leading to its execution, and that were suspended or failed in their purpose only because of circumstances beyond the offender's control.

An attempt to commit an offence is punishable even if the intended purpose could not be achieved because of factual circumstances unknown to the offender.

An attempt to commit a felony or a misdemeanour is punishable with one half (1/2) the penalty for the felony or misdemeanour itself. For the offence punishable by the penalty of life imprisonment, the attempt is punishable by imprisonment for a term of twenty-five (25) years.

An attempt to commit a petty offence is not punishable.

**Section 2: Tentative d'infraction**

**Article 21: Répression de la tentative d'infraction**

Il y a tentative punissable lorsque la résolution de commettre l'infraction a été manifestée par un ou plusieurs actes extérieurs non équivoques qui constituent le commencement de la commission de cette infraction et conduisant à sa consommation, et qui n'ont été suspendus ou qui n'ont manqué leur effet que par des circonstances indépendantes de la volonté de l'auteur.

La tentative d'infraction est punissable alors même que le but recherché ne pouvait pas être atteint en raison des circonstances de fait ignorées de l'auteur.

Une tentative de crime ou de délit est réprimée par la moitié (1/2) de la peine prévue pour cette infraction. Pour une infraction punissable d'un emprisonnement à perpétuité, la tentative est punissable d'un emprisonnement de vingt-cinq (25) ans.

La tentative de contravention n'est pas punissable.

**Ingingo ya 22: Kwigarura k'uwari ugambiriye gukora icyaha**

Iyo uwari ugambiriye gukora icyaha yigaruye ku bushake bwe ntahanwa, keretse iyo ibyo yamaze gukora ubwabyo ari icyaha.

**INTERURO YA III: IBIHANO MURI RUSANGE**

**UMUTWE WA MBERE: IBYICIRO BINYURANYE BY'IBIHANO**

**Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'ibihano**

**Ingingo ya 23: Ibihano by'iremezo bihabwa abantu ku giti cyabo**

Ibihano by'iremezo bihabwa abantu ku giti cyabo ni ibi bikurikira:

1º igifungo;

2º ihazabu;

3º imirimo y'inyungu rusange.

**Ingingo ya 24: Ibihano by'ingereka bihabwa abantu ku giti cyabo**

Ibihano by'ingereka bihabwa abantu ku giti cyabo ni ibi bikurikira:

**Article 22: Voluntary abandonment of intent to commit an offence**

If a person who had the intent to commit an offence voluntarily abandons the intent, he/she is not punished, unless the preparatory acts alone already constitute an offence.

**TITLE III: PENALTIES IN GENERAL**

**CHAPTER ONE: DIFFERENT CATEGORIES OF PENALTIES**

**Section One: Categories of penalties**

**Article 23: Principal penalties applicable to natural persons**

Principal penalties applicable to natural persons are the following:

1º imprisonment;

2º fine;

3º penalty of community service.

**Article 24: Accessory penalties applicable to natural persons**

Accessory penalties applicable to natural persons are the following:

**Article 22: Renonciation volontaire à l'intention de commettre une infraction**

Si celui qui avait l'intention de commettre une infraction renonce volontairement à l'action, il n'encourt pas de peine, à moins que les actes préparatoires à eux seuls constituent déjà une infraction.

**TITRE III: PEINES EN GÉNÉRAL**

**CHAPITRE PREMIER: DIFFÉRENTES CATÉGORIES DE PEINES**

**Section première: Catégories de peines**

**Article 23: Peines principales applicables aux personnes physiques**

Les peines principales applicables aux personnes physiques sont les suivantes:

1° l'emprisonnement;

2° l'amende;

3° la peine de travaux d'intérêt général.

**Article 24: Peines accessoires applicables aux personnes physiques**

Les peines accessoires applicables aux personnes physiques sont les suivantes:

1º ubunyagwe bwihariye;

2º kubuzwa cyangwa gutegekwa kuba ahantu;

3º kwamburwa uburenganzira mboneragihugu umuntu afite mu gihugu;

4º gutangaza icyaha cyakozwe n'igihano cyatanzwe n'urukiko.

**Ingingo ya 25: Ibihano bihabwa ibigo n'imiryango bya Leta cyangwa imiryango itari iya Leta ifite ubuzimagatozi**

Ibihano bihabwa ibigo bya Leta, imiryango ya Leta, amasosiyete, amakoperative, imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi ni ibi bikurikira:

1º ihazabu;

2º kubuzwa mu gihe runaka gukora kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa yiyemeje;

3º kunyagwa ikintu cyifashishijwe cyangwa cyari kigenewe gukora icyaha cyangwa icyagikomotseho;

4º gutangaza igihano cyatanzwe.

1º special confiscation;

2º a ban on residence or compulsory residence in a particular location;

3º deprivation of civic rights;

4º publication of the offence committed and the penalty pronounced by the court.

**Article 25: Penalties applicable to institutions and organizations of the State or non-governmental organizations with legal personality**

Penalties applicable to the institutions and organizations of the State, companies, cooperatives, non-governmental organizations with legal personality are the following:

1º a fine;

2º the ban on the conduct of one or several professional or social activities for a fixed period of time;

3º confiscation of the object used or intended for use in the commission of the offence or the proceeds thereof;

4º publication of the penalty pronounced.

1° la confiscation spéciale;

2° l'interdiction ou l'obligation de séjour;

3° la dégradation civique;

4° la publication de l'infraction commise et de la peine prononcée par la juridiction.

**Article 25: Peines applicables aux institutions et organisations de l'État ou aux organisations non gouvernementales dotées de la personnalité juridique**

Les peines applicables aux institutions et organisations de l'État, aux sociétés, aux coopératives, aux organisations non-gouvernementales dotées de la personnalité juridique sont les suivantes:

1° amende;

2° l'interdiction d'exercer une ou plusieurs activités professionnelles ou sociales pour une période déterminée;

3° la confiscation de la chose qui a servi ou était destinée à commettre l'infraction ou du produit de cette dernière;

4° la publication de la peine prononcée.

Amasosiyete, amakoperative, imiryango itari iya Leta ifite ubuzimagatozi ishobora no guhanishwa kandi ibi bihano bikurikira:

1° iseswa;

2° gufunga burundu ibyakorewemo cyangwa ibyifashishijwe mu gukora ibikorwa bibujijwe;

3° guhezwa burundu mu masoko ya Leta cyangwa mu gihe giteganywa n'amategeko abigenga;

4° kubuzwa gutanga sheki, ikarita ihesha amafaranga cyangwa impapuro mvunjwafaranga;

5° gushyira ku bugenzurwe bw'ubucamanza.

**Icyiciro cya 2: Ingingo zihariye ku bihano bimwe na bimwe**

**Akiciro ka mbere: Igihano cy'igifungo**

**Ingingo ya 26: Igihe igihano cy'igifungo kimara**

Igihano cy'igifungo gishobora kumara igihe kizwi cyangwa kikaba icya burundu.

Companies, cooperatives, non-governmental organizations with legal personality may also be punishable by the following penalties:

1° dissolution;

2° permanent closure of establishments in which incriminated acts have been committed or which have been used to commit such acts;

3° permanent exclusion from public procurement contracts, either indefinitely or for a fixed period of time provided for by relevant laws;

4° the ban on issuing a cheque, a credit card or negotiable instrument;

5° placement under judicial supervision.

**Section 2: Special provisions applicable to some penalties**

**Subsection One: Penalty of imprisonment**

**Article 26: Duration of the penalty of imprisonment**

The penalty of imprisonment may be for a fixed term or for life.

Les sociétés, les coopératives, les organisations non gouvernementales dotées de la personnalité juridique peuvent également être punissables des peines suivantes:

1° dissolution;

2° fermeture définitive des établissements dans lesquels ont été commis ou ayant servi à commettre les faits incriminés;

3° exclusion de la participation à des marchés publics soit à titre définitif soit pour une durée prévue par la législation en la matière;

4° interdiction d'émettre un chèque, une carte de crédit ou un titre négociable;

5° placement sous surveillance judiciaire.

**Section 2: Dispositions particulières à certaines peines**

**Sous-section première: Peine d'emprisonnement**

**Article 26: Durée de la peine d'emprisonnement**

La peine d'emprisonnement peut être à durée déterminée ou à perpétuité.

**Ingingo ya 27: Igifungo kimara igihe kizwi**

Igifungo kimara igihe kizwi, kimara nibura umunsi umwe (1) kandi ntikirenza imyaka makumyabiri n'itanu (25), keretse iyo itegeko ribiteganya ukundi.

Igifungo kimara igihe kizwi kibarirwa ku minsi, amezi cyangwa imyaka bya kalendari isanzwe.

Igifungo cy'umunsi umwe ni amasaha makumyabiri n'ane (24), icy'ukwezi kumwe (1) ni iminsi mirongo itatu (30), icy'umwaka umwe (1) ni amezi cumi n'abiri (12).

**Ingingo ya 28: Ibarwa ry'igifungo kimara igihe kizwi**

Igihe cy'igifungo gitangira kubarwa kuva ku munsi urubanza ruhana umuntu rwabaye ndakuka.

Igihe umuntu amaze afunzwe n'inzego zabiherewe ububasha n'itegeko kivanwa mu gihe cy'igifungo urukiko rwategetse.

Mu kubara igihe igifungo cyategetswe kizamara, ntihitabwa ku gihe uwakatiwe yihungishije ubwe igihano.

**Article 27: Fixed-term imprisonment**

Fixed-term imprisonment is imposed for at least one day and at most twenty-five (25) years, unless the law provides otherwise.

Fixed-term imprisonment is calculated on the basis of days, months or years of the Gregorian calendar.

An imprisonment of one (1) day is equal to twenty-four (24) hours, an imprisonment of one (1) month is equal to thirty (30) days and an imprisonment of one (1) year is equal to twelve (12) months.

**Article 28: Calculation of the term of fixed-term imprisonment**

The term of imprisonment runs from the day on which the judgment of conviction becomes final.

The length of the period of detention by legally competent organs is deducted from the term of imprisonment imposed by the court.

In calculating the term of imprisonment, no account is taken of the period during which the convict has voluntarily avoided serving the penalty.

**Article 27: Emprisonnement à durée déterminée**

L'emprisonnement à durée déterminée dure au moins un (1) jour et ne dépasse pas vingt-cinq (25) ans, à moins que la loi n'en dispose autrement.

L'emprisonnement à durée déterminée se calcule en jours, mois ou années du calendrier grégorien.

L'emprisonnement d'un (1) jour est de vingt-quatre (24) heures. Celui d'un (1) mois est de trente (30 jours. Celui d'une (1) année est de douze (12) mois.

**Article 28: Calcul de la durée de l'emprisonnement à durée déterminée**

La durée de l'emprisonnement court du jour où le jugement de condamnation est devenu définitif.

Le délai de détention par des organes légalement compétents est déduit de la durée de la peine d'emprisonnement prononcée par le jugement.

Dans le calcul de la durée d'une peine d'emprisonnement, le temps pendant lequel le condamné s'est volontairement soustrait de l'exécution de la peine n'est pas inclus.

Iyo umuntu akatiwe ibihano by'igifungo birenze kimwe, igifungo gikurikira gitangira kubarwa ikikibanziriza kirangiye.

When a person is given more than one penalty of imprisonment, the next imprisonment penalty starts to run upon the expiration of the previous one.

Lorsqu'une personne est condamnée à plus d'une peine d'emprisonnement, la peine d'emprisonnement suivante prend cours à la date d'expiration de la peine précédente.

**Ingingo ya 29: Igihano cy'igifungo cya burundu**

Igihano cy'igifungo cya burundu ni igifungo kimara ubuzima bwose uwagikatiwe asigaje kubaho.

**Article 29: Life imprisonment**

The penalty of life imprisonment implies a jail term for the rest of the convict's life.

**Article 29: Emprisonnement à perpétuité**

La peine d'emprisonnement à perpétuité est un emprisonnement d'un condamné pour le reste de sa vie.

**Akiciro ka 2: Igihano cy'ihazabu**

**Ingingo ya 30: Ingano y'ihazabu**

Ihazabu igizwe nibura n'ifaranga rimwe (1) ry'u Rwanda.

**Subsection 2: Fine**

**Article 30: Amount of fine**

The fine is at least one (1) Rwandan franc.

**Sous-section 2: Amende**

**Article 30: Montant de l'amende**

L'amende est de un (1) franc rwandais au moins.

**Ingingo ya 31: Itangwa ry'igihano cy'ihazabu**

Igihano cy'ihazabu gihabwa buri muntu ku giti cye mu bakatiwe, hakurikijwe uburemere bw'icyaha.

Urukiko rushyiraho igihe ntarengwa ihazabu itangirwamo. Icyo gihe ntigishobora kurenga umwaka umwe (1) kuva urubanza rubaye ndakuka.

Urukiko rushobora kwemeza ko ihazabu yishyurwa mu byiciro cyangwa isimbuzwa imirimo y'inyungu rusange.

**Article 31: Imposition of a fine**

A fine is imposed individually on each of the convicts on the basis of the gravity of the offence.

The court sets the time limit for payment of a fine. This time limit does not exceed one (1) year from the day the judgment has become final.

The court may order that the fine be paid in instalments or commuted to community service.

**Article 31: Prononcé de l'amende**

L'amende est prononcée individuellement contre chacun des condamnés en tenant compte de la gravité de l'infraction.

La juridiction fixe le délai dans lequel l'amende doit être payée. Ce délai ne peut aller au-delà d'une (1) année à compter du jour où le jugement devient définitif.

La juridiction peut décider que l'amende soit payée par tranches ou commuée en travaux d'intérêt général.

**Ingingo ya 32: Impurirane y'ihazabu n'ibindi byishyurwa**

Iyo umutungo w'uwakatiwe udashobora kuvamo ihazabu, gusubiza iby'abandi n'indishyi z'akababaro, habanza gusubizwa iby'abandi no kwishyura indishyi z'akababaro.

**Article 32: Fine awarded concurrently with other payments**

When the convict's property is insufficient for the payment of the fine, restitutions and damages, priority is given to the payment of restitutions and damages.

**Article 32: Concours de l'amende et d'autres paiements**

Lorsque les biens du condamné sont insuffisants pour le recouvrement de l'amende, des restitutions et des dommages-intérêts, la somme recouvrée est prioritairement affectée aux restitutions et aux dommages-intérêts.

**Ingingo ya 33: Ubufatanye bw'abahamwe n'icyaha mu kwishyura ibisubizwa, indishyi z'akababaro cyangwa amagarama y'urubanza**

Abantu bose bahaniwe icyaha kimwe bafatanya kwishyura ibisubizwa, indishyi z'akababaro n'amagarama y'urubanza.

**Article 33: Joint liability of convicts for the payment of restitutions, damages or court fees**

All persons convicted of the same offence are held jointly responsible for restitutions, damages and court fees.

**Article 33: Solidarité des condamnés dans le paiement des restitutions, des dommages-intérêts ou des frais de justice**

Toutes les personnes condamnées pour une même infraction sont tenues solidairement des restitutions, des dommages-intérêts et des frais de justice.

**Ingingo ya 34: Gusubiza ibyarigishijwe, ibyibwe, ibyambuwe cyangwa ibyatanzwe bitari ngombwa**

Mu rubanza rw'inshinjabyaha rugennye igihano, iyo hari ibyarigishijwe, ibyibwe, ibyambuwe ku buryo bw'uburiganya cyangwa ibyatanzwe bitari ngombwa urukiko rugomba gutegeka kubisubiza.

**Article 34: Restitution of embezzled, stolen, fraudulently obtained or unduly given property**

If a penalty is imposed in a criminal case, the court must order the restitution of embezzled, stolen, fraudulently obtained or unduly given property, if any.

**Article 34: Restitution des biens détournés, volés, escroqués ou livrés indûment**

En cas d'imposition d'une peine dans une affaire pénale, la juridiction doit ordonner la restitution des biens détournés, volés, escroqués ou livrés indûment, le cas échéant.

**Akiciro ka 3: Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange**

**Ingingo ya 35: Itangwa ry'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange**

Iyo igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gitanzwe nk'igihano cy'iremezo, urukiko rugena igihe ntarengwa kizamara. Icyo gihe ntigishobora kurenga amezi atandatu (6).

Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gishobora gutangwa gisimbura ikindi gihano cy'iremezo. Muri icyo gihe, gitangwa ku buryo bukurikira:

1° iyo icyaha gihanishwa igifungo kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka itanu (5), urukiko rushobora gutegeka uwagikatiwe kurangiza icya kabiri (1/2) cy'igihano akora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange;

2° iyo icyaha gihanishwa igifungo kitageza ku mezi atandatu (6), urukiko rushobora kumutegeka gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu gihe kidashobora kurenga igihe ntarengwa cyo hejuru cy'igifungo giteganywa n'itegeko kuri icyo cyaha.

**Subsection 3: Penalty of community service**

**Article 35: Imposition of the penalty of community service**

In case the penalty of community service is imposed as principal penalty, the court sets the time limit for serving such a penalty. Such a time limit does not exceed six (6) months.

The penalty of community service may be imposed in lieu of another principal penalty. In that case, it is imposed as follows:

1° when an offence is punishable by imprisonment for a term of more than six (6) months and not more than five (5) years, the court may order that the convict serve half (1/2) of the term of his/her penalty in serving the penalty of community service;

2° when an offence is punishable by imprisonment for a term of less than six (6) months, the court may order that the convict serve the penalty of community service for a period not exceeding the maximum imprisonment provided by the law for such an offence.

**Sous-section 3: Peine de travaux d'intérêt général**

**Article 35: Imposition de la peine de travaux d'intérêt général**

Lorsque la peine de travaux d'intérêt général est imposée en tant que peine principale, la juridiction fixe le délai de son exécution. Ce délai ne peut pas dépasser six (6) mois.

La peine de travaux d'intérêt général peut être prononcée pour se substituer à une autre peine principale. Dans ce cas, elle est imposée de façon suivante:

1° lorsqu'une infraction est punissable d'un emprisonnement supérieur à six (6) mois mais n'excédant pas cinq (5) ans, la juridiction peut décider que le condamné accomplisse la moitié (1/2) de sa peine en purgeant la peine de travaux d'intérêt général;

2° lorsque l'infraction est punissable d'un emprisonnement inférieur à six (6) mois, la juridiction peut ordonner que le condamné purge la peine de travaux d'intérêt général pour un délai n'excédant pas le délai maximum de l'emprisonnement prévu par la loi pour cette infraction.

Iyo uwahamwe n'icyaha adakoze neza igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, ahatirwa kurangiriza muri gereza igihano gisigaye yakatiwe.

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange.

**Ingingo ya 36: Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange igihe uwakatiwe adashoboye kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko**

Mu gihe urukiko ruciye ihazabu, amafaranga y'urubanza, ubwishyu ubwo ari bwo bwose bugenewe isanduku ya Leta n'ibintu bigomba gusubizwa cyangwa indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha, rugena igihe cyo gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu gihe uwakatiwe adashoboye kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko.

Iyo urukiko rutegetse isubizwa ry'ibintu cyangwa indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha, imirimo y'inyungu rusange ntabwo ikuraho uburenganzira bw'uwakorewe icyaha kuri iryo subizwa cyangwa indishyi.

Uwakatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ntakomeza kugikora iyo yishyuye.

In case of the convict's failure to properly serve the penalty of community service, he/she is forced to serve the remainder of the penalty in prison.

A Presidential Order determines modalities for the execution of the penalty of community service.

**Article 36: Penalty of community service in case of the convict's failure to comply with a court order**

When the Court imposes a fine, court fees, any other payment into the public treasury, and restitutions or payment of damages for the benefit of the victim, it determines, in case of the convict's failure to execute the court's convictions against him/her, the period to serve the penalty of community service.

When the court orders restitutions or payment of damages for the benefit of the victim, community service imposed does not preclude the victim's right to such restitutions or damages.

A convict is exempted from serving the penalty of community service if he/she effects payment.

Lorsque le condamné n'exécute pas convenablement la peine de travaux d'intérêt général, il est contraint de purger le reste de sa peine en prison.

Un arrêté présidentiel fixe les modalités d'exécution de la peine de travaux d'intérêt général.

**Article 36: Peine de travaux d'intérêt général en cas de défaut par le condamné de se conformer à la décision judiciaire**

Lorsque la juridiction prononce une condamnation à l'amende, aux frais de justice, à tout paiement au profit du trésor public, à des restitutions ou à des dommages-intérêts envers une partie civile, elle fixe la durée de la peine de travaux d'intérêt général dans le cas où le condamné ne serait pas en mesure d'exécuter les condamnations prononcées par la juridiction contre lui.

Lorsque la juridiction ordonne les restitutions ou le paiement des dommages-intérêts au bénéfice de la victime, les travaux d'intérêt général n'excluent pas le droit de la victime à ces restitutions ou dommages-intérêts.

Le condamné à la peine de travaux d'intérêt général est libéré de cette peine s'il parvient à payer.

**Akiciro ka 4: Ubunyagwe**

**Ingingo ya 37: Ubunyagwe bwihariye**

Igihe hakozwe icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, kunyagwa kw'ibintu bigize icyaha, ibyagikoreshejwe, ibyagenewe kugikora cyangwa ibyagikomotseho, cyangwa igihembo kijyanye no gukora icyaha byemezwa mu icibwa ry'urubanza, bikongerwa ku gihano cy'iremezo, iyo ibyo bintu ari iby'uwakatiwe. Iyo atari iby'uwakatiwe cyangwa iyo icyaha cyakozwe ari icyoroheje, ubunyagwe bwemezwa gusa mu bihe biteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 38: Ibuzwa ry'inyagwa rusange**

Inyagwa rusange ry'ibintu byose uwahanwe atunze n'ubw'ibyo ashobora kuzatunga, rirabujijwe.

**Ingingo ya 39: Imicungire y'ibintu byanyazwe**

Ibintu byanyazwe bishyirwa mu maboko ya Leta.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uburyo ibintu byanyazwe bicungwa.

**Subsection 4: Confiscation**

**Article 37: Special confiscation**

In case a felony or a misdemeanour is committed, confiscation of items regarded as forming the *corpus delicti*, those used or intended for use in the commission of the offence, or those regarded as the proceeds from the commission of the offence is imposed as an accessory penalty in addition to the principal penalty if such items belong to the convict. If such items do not belong to the convict or if the offence committed is a petty offence, the confiscation is ordered only in cases specified by the law.

**Article 38: Prohibition of the general confiscation**

The general confiscation of all the convict's current and future property is prohibited.

**Article 39: Administration of confiscated property**

Confiscated property is put into the hands of the State.

An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for the administration of confiscated property.

**Sous-section 4: Confiscation**

**Article 37: Confiscation spéciale**

Lorsqu'un crime ou un délit est commis, la confiscation des biens qui forment le corps de l'infraction, qui ont servi ou qui sont destinés à la commettre ou qui ont été produits par la commission de l'infraction, est prononcée accessoirement à la peine principale, lorsque ces biens appartiennent au condamné. Lorsqu'ils ne lui appartiennent pas ou lorsque l'infraction commise est une contravention, la confiscation n'est prononcée que dans les cas prévus par la loi.

**Article 38: Interdiction de la confiscation générale**

La confiscation générale portant sur la totalité du patrimoine présent et futur du condamné est interdite.

**Article 39: Administration des biens confisqués**

Les biens confisqués sont remis à l'État.

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions fixe les modalités d'administration des biens confisqués.

**Akiciro ka 5: Kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu**

**Ingingo ya 40: Itangwa ry'igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu**

Uretse igihe itegeko ribiteganya ukundi, urukiko rushobora kubuza cyangwa gutegeka umuntu kuba ahantu mu bihe bikurikira:

1º iyo umuntu yahanishijwe igifungo kirenze imyaka itanu (5);

2º iyo umuntu wigeze guhanishwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6), yongeye guhanishwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) mu myaka itanu (5) kuva arangije icyo gihano cyangwa igihe cyo gukurikirana irangiza ryacyo cyararenze.

Kubuza kuba ahantu cyangwa gutegeka kuba ahantu ntibishobora kurenza igihe cy'umwaka umwe (1).

**Subsection 5: Ban on residence or compulsory residence in a particular location**

**Article 40: Imposition of the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location**

Unless the law provides otherwise, the court may order ban on residence or compulsory residence in a particular location in the following cases:

1º if a person is sentenced to imprisonment for a term of more than five (5) years;

2º if a person who, having been sentenced to imprisonment for a term equal to or more than six (6) months, is sentenced again to imprisonment for a term equal to or more than six (6) months within five (5) years of the execution of such a penalty or when its enforcement has become time-barred.

The duration of ban on residence or compulsory residence in a particular location may not exceed a period of one (1) year.

**Sous-section 5: Interdiction de séjour ou obligation de séjour**

**Article 40: Imposition de la peine d'interdiction ou d'obligation de séjour**

A moins que la loi n'en dispose autrement, la juridiction peut ordonner l'interdiction ou l'obligation de séjour dans les cas suivants:

1° si une personne a été condamnée à un emprisonnement supérieur à cinq (5) ans;

2° si une personne qui, ayant été condamnée à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois, est condamnée de nouveau à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois dans un délai de cinq (5) ans après l'exécution de la première peine ou sa prescription.

La durée de l'interdiction ou de l'obligation de séjour ne peut dépasser un (1) an.

**Ingingo ya 41: Ibarwa ry'igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu n'uburyo gishyirwa mu bikorwa**

Igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu gitangira ku itariki uwahamwe n'icyaha arangirijeho igihano cy'igifungo.

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo, igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu gitangira ku munsi afunguriweho.

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo yongeye gufungwa, igihe yamaze mu gihano cyo kubuzwa cyangwa gutegekwa kuba ahantu gikurwa mu gihano yakatiwe n'urukiko.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uburyo bwo gushyira mu bikorwa igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu.

**Article 41: Calculation of the term of the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location and modalities for execution thereof**

The penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location commences on the day of completion of the penalty of imprisonment by the convict.

If the convict is released on parole, the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location commences on the day of release.

If the convict released on parole is re-incarcerated, the period of ban on residence or compulsory residence in a particular location is deducted from the penalty imposed on him/her by the court.

An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for the execution of the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location.

**Article 41: Calcul de la durée de la peine d'interdiction ou d'obligation de séjour et modalités de son exécution**

La peine d'interdiction ou d'obligation de séjour commence à la date à laquelle le condamné finit de purger sa peine d'emprisonnement.

Lorsque le condamné est libéré conditionnellement, l'interdiction ou l'obligation de séjour commence le jour de la mise en liberté.

Lorsque le condamné libéré conditionnellement est réincarcéré, la durée de l'interdiction ou de l'obligation de séjour effectuée est déduite de la peine prononcée par la juridiction contre lui.

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités d'exécution de la peine d'interdiction ou d'obligation de séjour.

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 6</u>: Kwamburwa uburenganzira mboneragihugu** | **<u>Subsection 6</u>: Deprivation of civic rights** | **<u>Sous-Section 6</u>: Dégradation civique** |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Kwamburwa uburenganzira mboneragihugu** | **<u>Article 42</u>: Deprivation of civic rights** | **<u>Article 42</u>: Dégradation civique** |
| Kwamburwa uburenganzira mboneragihugu ni: | The deprivation of civic rights consists of the following: | La dégradation civique consiste en ce qui suit: |
| 1º gukurwa mu murimo wa Leta cyangwa kubuzwa kuwujyamo; | 1º removal or prohibition from any public service; | 1° la destitution ou l'exclusion de tout emploi public; |
| 2º kubuzwa uburenganzira bwose cyangwa bumwe umuntu afite mu gihugu bwerekeye politiki; | 2º deprivation of all or part of political rights; | 2° la privation de tout ou partie des droits politiques; |
| 3º kubuzwa uburenganzira bwo kwambara impeta z'ishimwe; | 3º deprivation of the right to wear decorations of honour; | 3° la privation du droit de porter des décorations honorifiques; |
| 4º kutemererwa gutanga ubuhamya nk'umuhanga cyangwa nk'umutangabuhamya mu byemezo no mu manza, uretse kuba yatanga amakuru; | 4º prohibition to act as an expert witness or a witness to deeds and to testify in court, except in case of providing information; | 4° l'incapacité d'être témoin expert ou témoin dans les actes et de déposer en justice autrement que pour donner des informations; |
| 5º kutemererwa kuba mu bagize inama y'umuryango, umwishingizi, gushingwa ibintu, gusimbura umwishingizi, kureberera abadafite ubwenge buhagije, uretse gusa kubigirira abana be bwite; | 5º loss of legal capacity to act as a family council member, a guardian, a trustee, a guardian replacement, a guardian of intellectually disabled persons except in case of his/ her own children; | 5° incapacité d'être membre de conseil de famille, tuteur, curateur, remplaçant de tuteur, tuteur des personnes à déficience mentale, excepté en cas de ses propres enfants ; |
Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe kubw'ububuraburyo, ubushishozi buke cyangwa uburangare, igihano kiba mu gihe cy'intambara, igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7). Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

Muri iri tegeko, amabanga ya Leta ni igikorwa cyangwa ibintu byose, ubumenyi, inyandiko izo ari zo zose aho zaba ziri hose cyangwa ibisobanuro bibujijwe n'amategeko kubera akamaro ko kurengera igihugu.

7º commits acts of treason with an intention of undermining national defence, diplomatic relations or essential economic interest of the Rwandan Government;

commits the offence of treason when the offender is a Rwandan or of espionage when the offender is a foreigner.

Upon conviction, he/she is liable, in wartime, to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty (25) years. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years to fifteen (15) years.

If acts mentioned in Paragraph One of this Article are performed due to clumsiness, recklessness or negligence, the penalty, during wartime, is an imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years. In peacetime, the penalty is an imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years.

In this Law, State secret is any act or all acts, knowledge, any documents where they may be or any explanations prohibited by the law for purposes of defending the nation.

7º commet des actes de trahison dans l'intention de nuire à la défense nationale de l'État rwandais, à ses relations diplomatiques ou à ses intérêts économiques essentiels;

commet l'infraction de trahison si l'auteur est un Rwandais ou d'espionnage si l'auteur est un étranger.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans à quinze (15) ans.

Lorsque les actes mentionnés l'alinéa premier du présent article sont commis par maladresse, imprudence ou négligence, la peine est, en temps de guerre, un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans. En temps de paix, la peine est l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans.

Dans la présente loi, un secret d'État est tout acte ou toute chose, connaissance, document de toute sorte quel que soit leur emplacement ou toutes les explications interdits à des fins de défendre la nation.

**Ingingo ya 193: Kugirana umubano na Leta y'amahanga bigiriwe gushoza intambara**

Umuntu wese ugirana umubano na Leta cyangwa inzego za Leta byo mu mahanga cyangwa abakozi babyo mu buryo ubwo aribwo bwose, abigiriye gushoza cyangwa gushyigikira intambara, igitero cyangwa ibikorwa bikomeye birwanya Repubulika y'u Rwanda, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo cya burundu. Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

**Ingingo ya 194: Gukwiza amakuru atariyo cyangwa icengezamatwara bigamije kwangisha Leta y'u Rwanda mu bihugu by'amahanga**

Umuntu wese ukwiza amakuru atari yo cyangwa icengezamatwara bigamije kwangisha rubanda Leta y'u Rwanda cyangwa ayo makuru cyangwa icengezamatwara byatera cyangwa bishobora gutera rubanda cyangwa amahanga kwanga Leta y'u Rwanda, aba akoze icyaha.

**Article 193: Maintaining relations with a foreign Government with intent to wage a war**

Any person who collaborates, maintains or strengthens relations with a foreign Government, its institutions or their officials, with an intention to wage or support a war, a military attack or any other serious acts against the Republic of Rwanda, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable, in wartime, to a term of life imprisonment. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years.

**Article 194: Spreading false information or harmful propaganda with intent to cause a hostile international opinion against Rwandan Government**

Any person who spreads false information or harmful propaganda with intent to cause public disaffection against the Government of Rwanda, or where such information or propaganda is likely or calculated to cause public disaffection or a hostile international environment against the Government of Rwanda commits an offence.

**Article 193: Entretenir des relations avec un État étranger en vue de provoquer une guerre**

Toute personne qui, dans l'intention de provoquer ou de soutenir l'effort de guerre, une attaque armée ou des mesures violentes contre la République du Rwanda, établit, entretient ou maintien des relations avec un État étranger, ses institutions ou ses officiels, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement à perpétuité. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

**Article 194: Répandre des informations fausses ou des propagandes nuisibles avec l'intention de provoquer une opinion internationale hostile à l'État rwandais**

Toute personne qui répand des informations fausses avec l'intention de provoquer la désaffection publique contre l'État rwandais ou lorsque ces informations ou propagandes sont susceptibles ou censées de provoquer la désaffection publique ou une hostilité internationale contre l'État rwandais, commet une infraction.

Iyo abihamije n'urukiko, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo cya burundu. Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

**<u>Ingingo ya 195</u>: Gushyira mu maboko y'amahanga ifasi, ingabo cyangwa ibikoresho by'intambara**

Umuntu wese:

1º ushyira mu maboko y'ubutegetsi bw'amahanga cyangwa ababukorera ingabo, ifasi, imijyi, ingerero, ibyubakiwe intambara, ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwaro, ibikoresho, amasasu, amato, amazu cyangwa indege, ibikoresho byo kugendera mu kirere bya Leta y'u Rwanda cyangwa byagenewe kuyirwanirira;

2º usenya cyangwa wiba ubwato, indege, ibikoresho byo kugendera mu kirere, ingemu, amazu cyangwa imashini izo ari zo zose cyangwa ubyangije ku buryo bitera amakuba, agamije gutambamira ubwirengere bw'igihugu;

aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa, mu gihe cy'intambara,

Upon conviction, he/she is liable, in wartime, to a term of life imprisonment. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

**<u>Article 195</u>: Handing over of a territory, troops or arsenals to a foreign country**

Any person who:

1º puts at the disposal of a foreign power or its agents, either troops, territories, towns, fortresses, constructions for war, organizations, shops, military industries and arsenals, equipment, ammunition, ships, buildings or airplanes, air navigation devices, owned by Rwandan State or allotted for its defence;

2º destroys or hijacks a ship, an airplane, air navigation devices, military supplies, buildings or machinery or damages them so as to cause an accident in view of sabotaging national defence;

commits an offence.

Upon conviction of any of the acts referred to in Paragraph One of this Article, he /she is liable, in wartime, to imprisonment for a

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement à perpétuité. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

**<u>Article 195</u>: Mise à la disposition d'un pays étranger d'un territoire, des troupes ou des arsenaux de guerre**

Toute personne qui:

1º met à la disposition d'une puissance étrangère ou de ses agents, soit des troupes, un territoire, villes, forteresses, constructions de guerre, postes, magasins, industries militaires et arsenaux, matériels, munitions, bateaux, bâtiments ou appareils de navigation aérienne appartenant à l'État rwandais ou affectés à sa défense;

2º détruit ou détourne un bateau, un avion, des appareils de navigation aérienne, des fournitures, des bâtiments ou des machines quelconques ou les endommage ne manière à provoquer un accident, en vue de nuire à la défense nationale;

commet une infraction.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article, elle est passible, en temps de guerre,

igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25). Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**Ingingo ya 196: Gushyigikira igihugu cy'amahanga kirwana na Leta y'u Rwanda**

Umuntu wese:

1º woshya ingabo z'u Rwanda kurwanirira igihugu cy'amahanga, uzifasha kujyayo cyangwa ushakira abasirikare igihugu kirwana na Leta y'u Rwanda;

2º wumvikana n'igihugu cy'amahanga cyangwa abakozi bacyo agira ngo agifashe mu mirwano gifitanye na Leta y'u Rwanda;

3º ukora igikorwa abizi gica intege ingabo z'u Rwanda cyangwa abaturage bacyo, ashaka gutambamira ubwirengere bw'igihugu;

aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kitari munsi y'imyaka

term of not less than twenty (20) years and not more than twenty (25) years. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**Article 196: Supporting a foreign country at war with the Government of Rwanda**

Any person who:

1º incites Rwanda Defence Forces to fight for or side with a foreign country, facilitates their entry into that foreign country or recruits an army for a foreign country at war with the Government of Rwanda;

2º consents with a foreign country or its agents to favour its war enterprises against the Government of Rwanda;

3º knowingly carries out an act that demoralizes the Rwanda Defence Forces or the population, with an intention to hurt national defence;

commits an offence.

Upon conviction of any of the acts referred to in Paragraph One of this Article, he/she is liable, in wartime, to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and

d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Article 196: Soutenir un pays étranger en guerre contre l'État rwandais**

Toute personne qui:

1º incite les Forces Rwandaises de Défense à passer au service d'un pays étranger, facilite leur entrée dans ce pays étranger ou fait l'enrôlement pour un pays étranger en guerre avec l'État rwandais.

2º se met d'accord avec un pays étranger ou avec ses agents en vue de favoriser les entreprises de guerre de ce pays étranger contre l'État rwandais;

3º sciemment fait un acte démoralisant les Forces Rwandaises de Défense ou la population avec l'intention de nuire à la défense nationale;

commet une infraction.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans

makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25). Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**<u>Ingingo ya 197</u>: Gutuma u Rwanda rushorwa mu ntambara cyangwa rushyamirana n'ikindi gihugu**

Umuntu wese:

1º ukora ibikorwa bitemewe na Leta, agatuma u Rwanda rugirana intambara n'igihugu cy'amahanga;

2º ukora ibikorwa bitemewe na Leta bituma u Rwanda rushyamirana n'ikindi gihugu;

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15), mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

**<u>Ingingo ya 198</u>: Itangwa n'iyemerwa ry'ikiguzi kugira ngo uteze intambara mu Rwanda**

Umuntu wese utanga ikiguzi cyangwa ugisezeranya kugira ngo hakorwe ibikorwa

not more than twenty five (25) years. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**<u>Article 197</u>: Causing Rwanda to be at war or in hostility with another country**

Any person who:

1º commits acts that are prohibited by the Government and who causes Rwanda to be at war with a foreign country;

2º commits acts prohibited by the Government and which result into hostility with another country;

commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable, in wartime, to imprisonment for a term of ten (10) years to fifteen (15) years. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years to ten (10) years.

**<u>Article 198</u>: Offer and acceptance of a price to cause war in Rwanda**

Any person who offers or promises to offer a price with an intention to commit offences

mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**<u>Article 197</u>: Amener le Rwanda à entrer en guerre ou en hostilité avec un autre pays**

Toute personne qui:

1º commet des actes interdits par l'État rwandais et qui entraîne le Rwanda dans une guerre contre un pays étranger;

2º commet des actes interdits par l'État et qui causent les hostilités avec un autre pays;

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans.

**<u>Article 198</u>: Offre et acceptation d'un prix aux fins de provoquer la guerre au Rwanda**

Toute personne qui offre ou propose un prix aux fins de commettre les infractions

bivugwa mu ngingo ya 195 y'iri tegeko, uwemera icyo kiguzi cyangwa ayo masezerano, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko itarenga imyaka icumi n'itanu (15). Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

**Ingingo ya 199: Kubangamira ubwirengere bw'Igihugu**

Umuntu wese, mu gihe cy'intambara, ukora abizi, igikorwa gishobora kubangamira ubwirengere bw'igihugu, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

**Ingingo ya 200: Kurema umutwe w'ingabo utemewe cyangwa kuwujyamo**

Umuntu wese urema umutwe w'ingabo utemewe, ushishikariza abandi kuwujyamo, utuma uremwa cyangwa ugirana amasezerano na wo, abikoresheje impano, igihembo, iterabwoba, igitugu cyangwa kwizezwa izindi nyungu abigirira gushyigikira igitero cy'intambara cy'ingabo zindi zitari izemewe z'igihugu,

referred to in Article 195 of this Law or who accepts such an offer or the promise, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable, in wartime, to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years. In peacetime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than ten (10) years.

**Article 199: Obstruction to the national defence**

Any person who, knowingly commits an act likely to obstruct the national defence, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

**Article 200: Formation of an irregular armed group or joining it**

Any person who by donations, remuneration, intimidation, abuse of power or promise of another interest, forms, incites or arranges for the formation of an irregular armed group or signs an agreement with this group for the purposes of supporting an armed attack of irregular forces, commits an offence. Upon

prévues à l'article 195 de la présente loi ou qui accepte cette offre ou cette proposition, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans. En temps de paix, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

**Article 199: Nuire à la défense nationale**

Toute personne qui accomplit sciemment un acte susceptible de nuire à la défense nationale commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

**Article 200: Formation d'une force armée irrégulière ou en faire partie**

Toute personne qui, par dons, rémunérations, intimidation, abus d'autorité ou de pouvoir, ou par tout autre intérêt, forme, incite ou orchestre la formation d'une force armée irrégulière ou conclut des engagements avec celle-ci au profit d'une attaque par une force armée irrégulière, commet une infraction.

aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Umuntu wese wemera, ku bushake, kwinjira cyangwa gutorerwa kujya mu mutwe w'ingabo zitari ingabo zemewe z'igihugu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Ibyaha bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bikurikiranwa biregewe cyangwa bitangiwe uruhushya n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisikare bitewe n'uwakoze icyaha.

**<u>Ingingo ya 201</u>: Ihanwa ry'ibyaha byakorewe ibihugu bifatanyije n'u Rwanda kurwanya umwanzi**

Iyo ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 192, iya 193, iya 194, iya 195, iya 196, iya 197, iya 198, iya 199 n'iya 200 bikorewe igihugu cy'inshuti ya Leta y'u Rwanda mu gikorwa ifatanyije na yo kurwanya umwanzi rusange, uwabikoze ahanishwa ibihano bimwe nk'aho byakorewe u Rwanda.

conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

Any person who deliberately agrees to be hired or recruited to join an irregular armed force, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

The legal action against offences referred to in Paragraph One and 2 of this Article is instituted upon complaint or on the authorization of the Prosecutor General or the Military Prosecutor General, depending on their authors.

**<u>Article 201</u>: Punishment of offences committed against allies of Rwanda at war with an enemy**

Any person who commits any of the acts referred to in Articles 192, 193, 194, 195, 196, 197, 198, 199 and 200 against the ally of the Rwandan State in a common act to fight against a common enemy is liable to the same penalties as those applicable to acts committed against Rwandan State.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Toute personne qui, volontairement, accepte d'être engagé ou recruté au profit d'une force armée irrégulière, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Les infractions visées aux alinéas premier et 2 du présent article ne sont poursuivies que sur plainte ou autorisation du Procureur Général ou de l'Auditeur Général Militaire selon l'auteur de l'infraction.

**<u>Article 201</u>: Répression des infractions commises à l'encontre des alliés du Rwanda**

Toute personnes qui commet les actes visés aux articles 192, 193, 194, 195, 196, 197, 198, 199 et 200 contre un allié de l'État rwandais agissant dans un acte conjoint contre un ennemi commun est passible des mêmes peines que celles applicables aux actes commis contre l'État rwandais.

**Icyiciro cya 2: Ibyaha bivutsa umudendezo mu gihugu**

**Ingingo ya 202: Kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika**

Umuntu wese:

1º ukora igikorwa cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa cyo kubuhirika akoresheje intambara cyangwa izindi mbaraga zose;

2º ukora igikorwa kigamije kugirira nabi Perezida wa Repubulika agamije kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa cyo kubuhirika ;

aba koze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu.

**Ingingo ya 203: Ubugambanyi ku cyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika**

Umuntu wese ukora ubugambanyi bugamije ibyaha bivugwa mu ngingo ya 199 y'iri tegeko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukuko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko itarenze

**Section 2: Offences against internal State security**

**Article 202: Offence against the ruling power or the President of the Republic**

Any person who:

1º carries out any act to harm the established Government or overthrowing it by use of military force or any other means;

2º carries out any act against the President of the Republic with intent to harm the established Government or overthrowing it;

commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to a life imprisonment.

**Article 203: Conspiracy against the established Government or the President of the Republic**

Any person who conspires to commit offences under Article 199 of this Law, commits an offence.

Upon conviction, he/she is be liable to term of imprisonment of not less than twenty (20) years and not more than twenty five

**Section 2: Infractions contre la sûreté intérieure de l'État**

**Article 202: Infraction contre le pouvoir en place ou le Président de la République**

Toute personne qui :

1º recourt à la force armée ou à toute autre manœuvre en vue de porter atteinte au pouvoir en place ou de le renverser ;

2º fait tout acte contre le Président de la République dans le but de porter atteinte au pouvoir en place ou de le renverser;

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

**Article 203: Conspiration contre le pouvoir établi ou le Président de la République**

Toute personne qui complote dans le but de commettre les infractions visées à l'article 199 de la présente loi, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas

makumyabiri n'itanu (25), niba hari icyakozwe icyo ari cyo cyose gitegura ubwo bugambanyi.

Iyo habayeho ubwoshye bw'ubugambanyi buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ariko ntibwemerwe, uwoheje ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20).

**Ingingo ya 204: Guteza imvururu cyangwa imidugararo muri rubanda**

Umuntu wese, mu ruhame, ukoresha imvugo, inyandiko z'ubwoko bwose, amashusho cyangwa ibimenyetso by'amoko yose, bimanitswe, bitanzwe, biguzwe cyangwa bigurishijwe cyangwa bitangajwe mu bundi buryo bwose, uwangisha rubanda ubutegetsi buriho, utera imvururu mu baturage ashaka ko basubiranamo cyangwa utera rubanda intugunda ashaka kubyutsa imidugararo muri Repubulika y'u Rwanda, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

(25) years if any act has been carried out in preparation to executing the offence.

If there is any influence to conspire to commit offences under Paragraph One of this Article but not consented, the person who influences, is liable to imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years.

**Article 204: Causing uprising or unrest among the population**

Any person who publicly, either by a speech, writings of any kind, images or any symbols, whether displayed, distributed, purchased or sold or published in any manner, incites the population to reject the established Government, or who causes uprising in the population with intention to incite citizens against one another or disrupts the population with intention to cause unrest in the Republic of Rwanda commits an offence.

Upon conviction, he/she is be liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

vingt-cinq (25) ans si un acte quelconque a été réalisé pour en préparer l'exécution.

S'il y a eu influence au complot visé à l'alinéa premier du présent article mais non consentie, l'auteur de l'influence est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans.

**Article 204: Incitation au soulèvement ou aux troubles de la population**

Toute personne qui, en public, soit par des discours, soit par des écrits de toute nature, des images ou emblèmes quelconques, affichés, distribués, achetés ou mis en vente ou publiés par quelque moyen que ce soit, soulève la population contre le pouvoir établi, provoque des troubles dans l'intention de soulever les citoyens les uns contre les autres, ou agite la population dans l'intention de semer les troubles sur le territoire de la République du Rwanda, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Ingingo ya 205: Kurwanya ububasha bw'amategeko**

Umuntu wese ushishikariza abandi kwigomeka kubyo amategeko ateganya, aba akoze icyaha.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Ibihano bivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, bikubwa kabiri iyo uko gushishikariza kwagize ingaruka mbi.

**Ingingo ya 206: Kuyogoza igihugu, kugisahura cyangwa koreka imbaga**

Umuntu wese ugerageza kuyogoza Igihugu, wica bitsemba imbaga cyangwa usahura, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Ubugambanyi bugamije ibyaha bivuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buhanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) niba hari icyakozwe gitegura imikorere y'icyo cyaha

**Article 205: Attack on the force of law**

Any person who incites others to rebel against the law, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

Penalties provided for under Paragraph 2 of this Article are doubled if such incitement results into negative consequences.

**Article 206: Devastation, looting of the nation or massacre**

Any person who attempts to commit devastation of the nation, massacres or loots the nation, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years and not more than twenty five (25) years.

Conspiracy aiming at committing offences provided for under Paragraph One of this Article is reliable to imprisonment for a term of ten (10) to fifteen (15) years if there is any act carried out in the preparation of the commission of the offence

**Article 205: Attaque à la force de la loi**

Toute personne qui, incite les autres à désobéir contre la loi, commet une infraction.
Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Les peines visées à l'alinéa 2 du présent article sont portées au double lorsque l'incitation a produit des conséquences négatives.

**Article 206: Dévastation, pillage du pays ou massacre**

Toute personne qui tente de dévaster le pays, qui fait un massacre ou qui pille le pays, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

La conspiration visant les infractions visées à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement de dix (10) à quinze (15) ans s'il y a un acte réalisé en préparation de la commission de l'infraction.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byateje urupfu rw'abantu, igihano kiba igifungo cya burundu.

**Ingingo ya 207: Kwigira umugaba w'igitero cy'abagome**

Umuntu wese wigira umugaba w'igitero cy'abagome cyangwa akakigiramo itegeko cyangwa umurimo uwo ari wo wose agamije gukora kimwe mu bikorwa bikurikira:

1° kwiba amafaranga y'Igihugu;

2° gutera ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwaro, ibyambu, indege, amato, amazu cyangwa ibindi bintu bya Leta;

3° gusahura cyangwa kwigabagabanya ibintu by'Igihugu;

4° gutera cyangwa kurwanya abashinzwe umutekano bahagurukira kurwanya abakora ibyo byaha;

5° kuyobora igitero cy'abagome cyangwa kugira umurimo uwo ari wo wose muri icyo;

aba akoze icyaha.

If the acts referred to under Paragraph One of this Article result into death, the penalty is life imprisonment.

**Article 207: Self-styled commander of a criminal gang**

Any person who styles himself/ herself as a commander of a criminal gang or who has authority or any position in the gang with the intent to commit any of the following acts:

1º stealing of public funds;

2º invading institutions, shops, industries, arsenals, ports, airplanes, boats, houses or other property of the State;

3º plundering or sharing public property;

4º attacking or fighting against security forces who fight against the perpetrators of such crimes;

5º leading a criminal gang or exercising any role in the gang;

commits an offence.

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article ont causé la mort des personnes, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

**Article 207: Se faire un commandant d'une bande criminelle**

Toute personne qui se prend pour le commandant d'une bande criminelle, qui y a autorité ou qui joue un rôle quelconque au sein de la bande avec l'intention de commettre l'un des actes suivants:

1º s'emparer des deniers publics;

2º envahir des établissements, magasins, industries, arsenaux, ports, avions, bateaux, maisons ou autres propriétés de l'État;

3º piller ou se partager des propriétés publiques;

4º faire attaque ou opposer une résistance envers la force publique de sécurité luttant contre les auteurs de ces infractions;

5º être à la tête d'une bande criminelle ou y exercer une fonction quelconque;

commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**Ingingo ya 208: Ibihano bihabwa uwafatiwe mu gaco k'ubwigomeke**

Umuntu wese ufatiwe mu gaco k'ubwigomeke bugambiriye kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika n'iyo yaba atari mu bagize ubuyobozi bwako cyangwa ngo abe afite umurimo ashinzwe muri ako gaco, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20).

Umuntu wese uyobora ako gaco, ufite umurimo cyangwa ugira uruhare urwo ari rwo rwose mu butegetsi bw'ako gaco n'aho yaba atagafatiwemo, ahanishwa igifungo kirenze imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

**Ingingo ya 209: Kuba mu bagize agaco cyangwa ibitero by'ubwigomeke**

Uretse igihe agaco k'ubwigomeke kari kuba kagamije cyangwa se kagambiriye

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**Article 208: Penalties for an individual caught in a seditious group**

Any person caught in a seditious group with intention to harm the existing government or the President of the Republic, even if the person is not one of the members in the leadership or does not exercise any role in the group, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years.

Any person who leads the group or who exercises in the same group any responsibility or any leadership role even if he/she is not caught on the spot, is liable to imprisonment for a term of more than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years.

**Article 209: Membership in a seditious group or gang**

Except for cases where the seditious group aims or intends to commit a crime provided

Lorsqu'elle est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Article 208: Peines applicables à un individu attrapé dans un groupe séditieux**

Toute personne attrapée dans un groupe séditieux ayant l'intention de faire du mal contre le régime en place ou le Président de la République même si elle n'y a exercé aucun commandement ni aucune responsabilité, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans.

Toute personne qui dirige une bande séditieuse ou exerce dans la même bande une responsabilité ou un commandement quelconque, même si elle n'y est pas attrapée, est passible d'un emprisonnement de plus de vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

**Article 209: Participation à un groupe ou une bande séditieuse**

Hors le cas où le groupe séditieux a l'objectif ou l'intention de commettre

gukora icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 202 y'iri tegeko, umuntu wagize ibitero bivugwa mu ngingo ya 207 n'iya 208 z'iri tegeko kandi agafatirwa mu gaco, nta ruhare yagize mu buyobozi bwako cyangwa se ngo agiremo urundi ruhare, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikuba kabiri ku muyobozi w'agaco cyangwa undi wese ufite umurimo ashinzwe muri ako gaco.

**Ingingo ya 210: Guha icumbi cyangwa ubwihisho ibitero by'ubwigomeke**

Umuntu wese umenya imigambi cyangwa amatwara y'ibitero by'ubwigomeke agaha inteko yabyo cyangwa imitwe yabyo amacumbi, ubwihisho, aho baremera inama cyangwa akagira ikindi abifashaho, ahanwa kimwe n'icyitso.

**Ingingo ya 211: Ubwigomeke budahanirwa**

Umuntu uri mu mutwe w'ubwigomeke akivanamo ku bushake bwe cyangwa akimara kuburirwa cyangwa kubitegekwa n'abategetsi b'abasiviri cyangwa b'abasirikare ntahanirwa icyaha cy'ubwigomeke.

for under Article 202 of this Law, any person who participated in seditious gangs referred to under Articles 207 and 208 of this Law and was caught there without exercising any leadership role or any other role, is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

Penalties provided for under Paragraph One of this Article are doubled in regard to the leader of the group or any other person who exercises any role in the group.

**Article 210: Providing accommodation or sanctuary to seditious gangs**

Any person who is aware of the purpose or character of a seditious gang and provides accommodation, sanctuary, meeting venues or any other help to the gang or its division is punishable as an accomplice.

**Article 211: Non punishable sedition**

Any person member of a seditious group who voluntarily withdraws from the group or who withdraws after a warning or order issued by civil or military authorities is not punished for the offence of sedition.

l'infraction visée à l'article 202 de la présente loi, toute personne faisant partie des bandes visées aux articles 207 et 208 de la présente loi et qui y est attrapée mais n'y exerçant ni aucun commandement ni aucune responsabilité, est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Les peines visées à l'alinéa premier du présent article sont portées au double pour le leader du groupe ou toute autre personne ayant une responsabilité dans ce groupe.

**Article 210: Fournir des logements ou cachettes aux bandes séditieuses**

Toute personne qui, connaissant le but ou le caractère d'une bande séditieuse, fournit à cette dernière ou à ses divisions des logements, cachettes, lieux de réunion ou une assistance quelconque, est punie comme complice.

**Article 211: Sédition non punissable**

Une personne membre d'un groupe séditieux qui s'en retire soit de sa propre volonté, soit au premier avertissement ou à la première sommation par les autorités civiles ou militaires, n'est pas punie pour sédition.

Ni nako bigenda igihe ufatiwe ahatari mu mutwe w'ubwigomeke adateye amahane kandi adafite intwaro. Icyakora, ahanirwa gusa ibyaha bindi yakoze ku bwe.

**Ingingo ya 212: Ibisobanuro by'amagambo ubugande bwo kwivumbagatanya n'abashinzwe umutekano**

Muri uyu mutwe amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1º **ubugande bwo kwivumbagatanya:** agatsiko k'abantu kagaragazwa n'igitero cyako kibasiye abantu n'ibintu, inkongi n'ubwangizi cyangwa ubusahuzi bugamije kwiganzura abategetsi bariho cyangwa gusenya ubutegetsi bwemewe;

2º **abashinzwe umutekano:** abakozi bose bubahiriza amategeko kandi barinda amahoro mu gihugu, mu izina rya Repubulika.

**Ingingo ya 213: Kubangamira kurwanya ubugande bwo kwivumbagatanya**

Abantu bose, mu gihe cy'ubugande bwo kwivumbagatanya baba:

1º ku bushake bwo gutera cyangwa kurwanya abashinzwe umutekano, bigaruriye intwaro

The same applies to a member caught elsewhere than in the seditious group who showed no resistance and was not armed. However, he/she is punished for any other offences committed individually.

**Article 212: Definitions of insurrection movement and security forces**

In this Chapter, the terms below have the following meanings:

1º **insurrection movement:** a movement of persons manifested by its attack against persons and property, by fire, devastation or looting intended to overthrow the incumbent authorities or the established Government;

2º **security forces:** all agents who ensure the enforcement of law and maintenance of public order on behalf of the Republic.

**Article 213: Obstruction to the fight against an insurrection movement**

Any persons who, in an insurrection movement, whether:

1º seize, openly or in secret, arms or ammunition with the intent to wilfully attack or resist security forces,

Il en est de même pour un membre appréhendé sans résistance et sans armes ailleurs que dans le groupe séditieux. Toutefois, il est puni pour d'autres infractions commises individuellement.

**Article 212: Définitions de mouvement insurrectionnel et force publique**

Dans le présent chapitre, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1º **mouvement insurrectionnel:** un mouvement de personnes qui se manifeste par son attaque aux personnes et aux biens, par l'incendie, la dévastation ou le pillage en vue de faire succomber les autorités en place ou de renverser le pouvoir établi;

2º **force publique:** ensemble des agents qui assurent, au nom de la République, l'application de la loi et le maintien de l'ordre public.

**Article 213: Entrave à la lutte contre un mouvement insurrectionnel**

Toutes personnes qui, dans un mouvement insurrectionnel soit:

1º s'emparent en public ou en cachette des armes ou munitions, pour attaquer ou résister à la force publique;

cyangwa amasasu ku mugaragaro cyangwa rwihishwa;

2º babigiriye impamvu zimwe n'izivugwa mu gace ka 1º k'iki gika, bafashe ku ngufu cyangwa bigaruriye amazu ya Leta, cyangwa amazu atuwemo cyangwa adatuwemo, imihanda, ahagenewe igiterane cy'abantu cyangwa ahandi hantu hose;

3º bashyizeho, bashyirishijeho cyangwa bafashije gushyiraho cyangwa gushyirishaho inzitiro cyangwa inkomyi zindi zose, bagendereye gutambamira ubugobotsi bw'abashinzwe umutekano cyangwa kubuza abaturage gutambuka;

4º ku bw'igitugu cyangwa ibikangisho, babujije itumirwa cyangwa iterana by'abashinzwe umutekano;

5º basembuye cyangwa bafashije gukoranya ibyigomeke, babikoresheje ari agahato k'igitugu cyangwa ibikangisho, ari ugutanga amategeko cyangwa amatangazo, ari uguserukana amabendera cyangwa ibindi bimenyetso byo kwikoranya, ari ubundi buryo bwose bwo guhamagarana;

6º batwayeho iminyago intwaro cyangwa amasasu, ari ku bw'imbaraga cyangwa ibikangisho, ari ku bw'isahura ry'amangazini cyangwa ry'amazu ya Leta,

2º for the same reasons as those under item 1º of this Paragraph, invade or occupy public buildings or houses whether inhabited or not, roads, public places or any other area;

3º erect, cause or help to erect or to cause barricades or any other obstacles with intent to hinder intervention of security forces or to stop movement of citizens;

4º hinder by force or threats, the convening or meeting of security forces;

5º provoke or facilitate the meeting of insurgents either by means of force or threats, or by giving orders or announcements, or by carrying flags or other symbols of rally, or by any other means of communication;

6º seize arms or ammunition, either by means of force or threats, or looting shops or public buildings, or by disarming security forces;

2º pour les mêmes motifs que ceux visés au point 1º du présent alinéa, envahissent ou occupent des édifices publics ou des maisons habitées ou non habitées, des routes, des places publiques ou tout autre endroit;

3º érigent, font ériger ou aident à ériger ou à faire ériger des barricades, ou tous les autres obstacles ayant pour but d'entraver l'intervention de la force publique ou d'arrêter la circulation des habitants ;

4º empêchent, par la force ou des menaces, la convocation ou la tenue de la réunion de la force publique;

5º provoquent ou facilitent le rassemblement des insurgés, soit par la force ou des menaces, soit en donnant des ordres ou en faisant des annonces, soit par le port de drapeaux ou d'autres signes de rassemblement, soit par tout autre moyen d'appel;

6º s'emparent d'armes ou munitions,
soit par la force ou des menaces, soit par le pillage de boutiques ou de bâtiments publics, soit par le désarmement de la force publique;

ari ukwambura intwaro abashinzwe umutekano;

7º binjiye, ku bw'imbaraga cyangwa ibikangisho mu nzu ituwemo cyangwa idatuwemo;

8º babujije, ku buryo ubwo ari bwo bwose, abashinzwe umutekano gutabara cyangwa basuzuguje amategeko y'abategetsi b'igihugu;

baba bakoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20).

7º invade a house, whether inhabited or not, by means of force or threats;

8º hinder in any way the action of security forces or cause disobedience to public authorities;

commit an offence.

A person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years.

7º envahissent une maison habitée ou non habitée, par la force ou de menaces;

8º empêchent de quelque manière que ce soit l'action de la force publique ou incitent à la désobéissance aux autorités publiques;

commettent une infraction.

Une personne reconnue coupable de la commission de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans.

**Ingingo ya 214: Abagaba b'ubugande bwo kwivumbagatanya**

Abagaba b'ubugande bwo kwivumbagatanya buvugwa mu ngingo ya 213 y'iri tegeko, bahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko itarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

**Article 214: Commanders of insurrection movements**

Commanders of insurrection movements referred to under Article 213 of this Law are liable to imprisonment of not less than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years.

**Article 214: Commandants des mouvements insurrectionnels**

Les commandants des mouvements insurrectionnels visés à l'article 213 de la présente loi sont passibles d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt -cinq (25) ans.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku cyiciro cya mbere n'icya 2 by'uyu mutwe**

**Ingingo ya 215: Kutamenyekanisha imigambi y'ubugambanyi, ubutasi cyangwa ikindi gikorwa gishobora gutambamira ubwirengere bw'igihugu**

Umuntu wese umenya, mu gihe cy'intambara, imigambi cyangwa ibikorwa by'ubugambanyi, by'ubutasi cyangwa ibindi bikorwa bishobora gutambamira ubwirengere bw'igihugu, ntabimenyeshe abashinzwe umutekano cyangwa ubundi buyobozi bwa Leta, kabone n'iyo yaba ari mu bemerewe kubika ibanga, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**Ingingo ya 216: Impamvu nyoroshyacyaha ku byaha byo guhungabanya umudendezo wa Leta**

Umuntu wese ukoze icyaha cyo guhungabanya umudendezo wa Leta agabanyirizwa ibihano iyo:

1 º kuvananamo bibaye icyaha cyakozwe ariko anketi y'icyaha itaratangira;

**Section 3: Common provisions to Sections One and 2 of this Chapter**

**Article 215: Non-disclosure of plans of treason, espionage or any other act that could impede national defence**

Any person who, in wartime, knows about a plan or any acts of treason, spying or other activities likely to impede national defence, and does not inform the security forces or any other authority of the State, even if bound by professional secrecy, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**Article 216: Mitigating circumstances on threatening against State security**

Any person who threatens State security benefits from the mitigating circumstances if:

1º the denunciation comes after the commission of the offence but before commencement of criminal investigations;

**Section 3: Dispositions communes aux sections première et 2 du présent chapitre**

**Article 215: Non déclaration des plans de trahison, d'espionnage ou d'autres actes pouvant entraver la défense nationale**

Toute personne qui, en temps de guerre, prend connaissance de plans ou d'actes de trahison, d'espionnage ou d'autres activités pouvant entraver la défense nationale et ne les dénonce pas à la force publique ou aux autres autorités de l'État même si elle est tenue au secret professionnel, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Article 216: Circonstances atténuantes pour des infractions contre la sûreté de l'État**

Toute personne qui commet l'infraction contre la sûreté de l'État bénéficie des circonstances atténuantes lorsque:

1º la dénonciation intervient après la commission de l'infraction mais avant l'ouverture d'une enquête criminelle;

2 º anketi imaze gutangira, umwe mu bakoze icyaha, afatishije abo bagikoranye n'ibyitso byabo cyangwa abakoze ibindi byaha nk'ibyo cyangwa bihwanyije ubugome.

**Icyiciro cya 4: Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bikorewe abakuru b'ibihugu by'amahanga n'abandi bayobozi bakuru**

**Ingingo ya 217: Kugirira nabi abakuru b'ibihugu by'amahanga cyangwa ababihagarariye cyangwa abahagarariye imiryango mpuzamahanga mu Rwanda**

Umuntu wese ugirira nabi mu buryo bubabaza umubiri:

1 º Umukuru w'igihugu cy'amahanga;

2 º abahagarariye ibihugu byabo cyangwa imiryango mpuzamahanga mu gihe bari mu Rwanda mu rwego rw'akazi;

aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10), bitabujije ibihano birushijeho gukomera biteganyijwe n'izindi ngingo z'iri tegeko.

2º after the criminal investigations commence, one of the offenders assists in the arrest of co offenders and accomplices or other persons who committed other similar offences or offences with the same gravity.

**Section 4: Criminal acts against foreign Heads of State and other senior officials**

**Article 217: Assaulting foreign Heads of States or representatives of foreign States or representatives of international organizations in Rwanda**

Any person who physically assaults:

1 º a foreign Head of State;

2 º representatives of foreign countries or international organisations while in Rwanda in the performance of their functions;

commits an offence.

Upon conviction of one of the acts referred to under Paragraph One of this Article, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years, without prejudice to heavier penalties provided for under other provisions of this Law.

2º après l'ouverture d'une enquête criminelle, l'un des auteurs facilite l'arrestation des co-auteurs et des complices ou d'autres personnes ayant commis les infractions de même nature ou de gravité égale.

